**Repubulika y'u Rwanda**
**Minisiteri ya Siporo**

# AMABWIRIZA AGENGA ISUBUKURWA RY'IBIKORWA BYA SIPORO N'IMIKINO HIRINDWA COVID-19

========================================================

Hashingiwe ku myanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 16/06/2020 ku ngamba zo gukumira ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 n'ibijyanye n'isubukurwa ry'ibikorwa bimwe na bimwe;

Hashingiye kandi ku mabwiriza ya Minisiteri ya Siporo yo ku wa 4/06/2020 ku isubukurwa ry'ibikorwa bimwe na bimwe bya siporo;

Minisiteri ya Siporo iramenyesha abantu bose ko aya amabwiriza yo ku wa 04/06/2020 akomeza kubahirizwa uko ari mu gihe hagitegerejwe raporo ku isesengura ryimbitse ryerekeye amabwiriza yakusanijwe mu mashyirahamwe y' imikino. Ibindi bikorwa bya siporo byemerewe gusubukurwa bizatangazwa ku wa 6/07/2020 hashingiwe ku nama zitanzwe na Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE)

Minisiteri ya Siporo iboneyeho kumenyesha abantu bose ibi bikurikira:

- **Ibikorwa bya siporo byemewe ni: Kwiruka (Jogging), Imikino ngororamubiri (Athletics), Kunyonga igare (Cycling), Imyitozo yo kugenda n'amaguru (Hiking), Golf, Tennis, Umukino wo gutwara imodoka, Fencing.**
- **Ahakorerwa siporo hose hazakomeza gufungwa keretse ahakorerwa siporo zemewe, zavuzwe haruguru.**
- **Hagati aho, Stade Amahoro izakomeza gufungura ku muzenguruko wayo, ku bakora siporo y'umuntu ku giti cye kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa moya z'umugoroba (7:00 AM-7: 00 PM)**

## AMABWIRIZA YO KUBUNGABUNGA UBUZIMA HIRINDWA ICYOREZO CYA COVID-19:

1. Kwambara neza agapfukamunwa mbere na nyuma y'imyitozo ni ngombwa;
2. Kwitwaza imiti yo gusukura intoki mu gihe ukorera siporo hanze no kuyikoresha igihe cyose bibaye ngombwa;
3. Kwitwararika mu kubahiriza intera ya metero 1,5 hagati y'abakora siporo n'imyitozo ngororamubiri;

Amahoro National Stadium, Remera B.P. 1044 – KIGALI Tél : (+250) 788196300/ Hotline: 5858
E-mail : info@minisports.gov.rw Website: www.minisports.gov.rw

4. Gusukura buri gihe ahakorerwa siporo hakoreshejwe imiti yemewe, gusukura ibikoresho byifashishwa muri siporo no gusukura by'umwihariko ahakorwa kenshi nko ku nzugi hakoreshejwe umuti wa Chlorine.
5. Mu gihe hakoreshwa ibikorwaremezo bya Siporo, buri wese asabwa gukoresha ibikoresho bya siporo bye bwite adahererekanya cg se ngo abishyire hamwe n'iby'undi muntu.
6. Abantu bagaragaza ibimenyetso bikurikira: ***inkorora, ibicurane no kwitsamura, umuriro, kuribwa umutwe,*** ntibemerewe gukorera imyitozo ngororamubiri mu ruhame, ahubwo bagomba kwegera inzego z'ubuzima.

Bikorewe i Kigali ku wa...26... Kamena 2020

MINISITERI YA SIPORO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUNYANGAJU Aurore Mimosa**
**Minisitiri**



Amahoro National Stadium, Remera B.P. 1044 – KIGALI
Tél : (+250) 788196300/ Hotline: 5858 E-mail : info@minisports.gov.rw
Website: www.minisports.gov.rw